INGABO Z'U RWANDA

UMUSINGI W'ITERAMBERE RY'IGIHUGU

NYUMA Y'IMYAKA 25 ...



INSHINGANO ZA RDF

Inshingano za RDF nk'uko ziteganywa n'itegeko ni:

- Kurinda ubusugire n'ubwigenge bw'igihugu;
- Gukorana n'izindi nzego z'umutekano mu kubumbatira no kugarura ituze rusange rya rubanda no kubahiriza amategeko;
- Gufasha mu bikorwa by'ubutabazi igihe cyose habaye ibyago mu gihugu;
- Gutanga umusanzu mu iterambere ry'igihugu;
- Kugira uruhare mu bikorwa bigarura amahoro mu rwego mpuzamahanga, iby'ubutabazi n'iby'amahugurwa.





Nyakubahwa Paul Kagame
Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda



Maj Gen Albert Murasira
Minisitiri w'Ingabo



Gen Patrick Nyamvumba
Umugaba Mukuru w'Ingabo



Lt Gen Jean-Jacques Mupenzi
Umugaba Mukuru w'Ingabo zirwanira ku butaka



Maj Gen Charles Karamba
Umugaba Mukuru w'Ingabo zirwanira mu kirere



Lt Gen Jacques Musemakweli
Umugaba Mukuru w'Inkeragutabara

IBIRIMO

2. Inshingano za RDF
3. Ubuyobozi Bukuru bwa RDF
5. Ibimaze kugerwaho
6. Ijambo ry'ibanze rya Minisitiri w'Ingabo
7. Ubutumwa bw'Umugaba Mukuru w'Ingabo



















57. IBIKORWA BY'ITERAMBERE RY'ABATURAGE BYAKOZWE NA RDF

Ishusho y'ibyagezweho

87 640
Inzu zubatswe / zasanwe zigenewe abatishoboye n'abarokotse Jenoside

80 533
Ingo zagejejweho amazi meza

283 233 Km
Imihanda yubatswe / iyasanwe

579 771
Abarwayi bavuwe

43 016
Hegitari zatunganyijwe

IJAMBO RY'IBANZE | **Maj Gen Albert Murasira** | Minisitiri w'Ingabo



Mu myaka 25 ishize, FPR Inkotanyi yahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibohora igihugu cyacu cyari mu maboko y'ubutegetsi bw'abicanyi.

Muri icyo gihe u Rwanda rwari igihugu giteye ubwoba kandi gisuzuguritse kubera igihe cyari kimaze mu miyoborere mibi yakigejeje kuri Jenoside yakoranywe ubugome busumbye ubundi bwabayeho mu kinyejana cya 20.

Uyu munsi, mu gihe twizihiza isabukuru y'imyaka 25 yo Kwibohora, tugomba kumva neza icyo twishimira.

Mu ijambo rye ubwo hizihizwaga ku nshuro ya 21 Umunsi wo Kwibohora, Nyakubahwa Perezida Paul Kagame yasobanuye Kwibohora muri aya magambo: "Igisobanuro cya mbere cyo kwibohora ni ukwitandukanya n'ibibutesha agaciro."

"Ukwibohora kujyana no gushira ubwoba ugahaguruka, ugaharanira ikiri ukuri."

Ku bw'ibyo, tariki ya 4 Nyakanga, ni umunsi udasanzwe mu mateka y'igihugu cyacu kandi ubereye kwizihizwa. Ni yo tariki yashyize iherezo ku bunyamaswa n'ubugome no gutakaza icyizere ariko ni n'itariki yo kwiyemezaho guhangana n'icyashaka kudusubiza inyuma.

Hari byinshi byo kwishimira birimo umutekano w'abantu n'ibintu. Mu gihe twizihiza yubile yo Kwibohora, tuzirikana uruhare rugikomeje rw'abagore n'abagabo bari mu Ngabo, rutarangirira gusa ku kubungabunga amahoro n'umutekano twishimira uyu munsi, ahubwo no ku bw'umusanzu wabo mu iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'u Rwanda.

Kuri iyi sabukuru ya 25 yo Kwibohora, ni ingenzi kuzirikana uruhare ingabo zagize ngo igihugu cyacu cyongere kuba ku ikarita y'isi.

Ingabo z'u Rwanda (RDF) zikomeje kandi ziyemeje gushyiraho uburyo bufasha Abanyarwanda mu kurwanya ubukene, kurandura ruswa no guhindura u Rwanda ahantu buri wese yishimira.

Mu myaka 25 ishize, RDF yagaragaje umwihariko, umuhate udasanzwe no guhangana n'ibibazo mu kazi kayo.

Nyakubahwa Perezida Kagame, Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, yahaye igisirikare isura nshya, kiva ku kuba igisirikare cy'inyeshyamba, kiba icy'umwuga gituma abanyarwanda bagira amahoro n'umutekano kandi gifite ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo ibyo aribyo byose. Ariko tugomba kuzirikana ko Kwibohora ari urugendo rurerure kandi rukomeza.

Mbere yo ku wa 4 Nyakanga 1994, intego yari urugamba rw'imbunda ariko ubu twatangiye urugamba rwo guha ituze igihugu, kugarura agaciro kacu no kukizamura ku rwego rwisumbuye mu mibereho myiza n'ubukungu.

Ndifuza kongera gushimira Umugaba w'Ikirenga, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda kubera imiyoborere ye ireba kure n'inama adahwema gutanga hagamijwe kugera ku mahoro, iterambere n'impinduka by'u Rwanda.

Ndashimira Abanyarwanda dukorera n'ubwitange ndetse n'abagabo n'abagore bagize Ingabo kubera umuhate wabo mu kuzuza inshingano bafite no kurinda inyungu z'igihugu.

Ku bakibyiruka, nimuhaguruke mwubakire ku musingi washyizweho maze iterambere rikomeze.

Yubile nziza y'imyaka 25 yo Kwibohora kw'Igihugu cyacu.

UBUTUMWA | bw'Umugaba Mukuru w'Ingabo

Uyu munsi, U Rwanda rurizihiza isabukuru y'imyaka 25 ishize rubohowe ubutegetsi bubi bwarugejeje kuri Jenoside.

Iyi tariki yaranze impinduka zikomeye mu bijyanye na politiki mu gihugu cyacu. Ingaruka z'intambara na Jenoside zari nyinshi, ku buryo byasabye ubwitange, umuhate n'imbaraga zidasanzwe kugira ngo twubake amahoro n'umutekano by'igihugu n'abagituye.

Ingabo z'u Rwanda ntizashidikanyije ku gufata umukoro kandi byari bishingiye ku kumva neza igisobanuro nyacyo cy'ukwibohora kw'igihugu.

Uyu munsi si uwo kwishimira intsinzi gusa, ahubwo ni n'umwanya kuri buri wese ngo asubize amaso ku mateka yacu, ngo bidufashe kwitegura guhangana n'ibibazo bishobora kubaho mu kurengera umutekano w'igihugu cyacu n'abagituye.

Mu myaka 25 ishize, RDF ntiyahwemye guhuriza hamwe ubushobozi bwayo hagamijwe kubungabunga ubusugire bw'igihugu n'umutekano w'abaturage nk'uko biri mu nshingano zayo z'ibanze.

Uyu munsi kandi ni n'umwanya wo kuzirikana abitangiye urugamba rwo kubohora igihugu, kugisana no kugiteza imbere.

Ingabo z'u Rwanda mu myaka ishize zagize uruhare rukomeye muri gahunda zitandukanye zigamije guteza imbere imibereho myiza n'ubukungu hagamijwe iterambere.

Kugira uruhare muri gahunda zigamije gukemura ibibazo by'abaturage zatangijwe na Guverinoma, bishingiye ku kumva neza uruhare rwazo mu kugira ubwirinzi burambye n'umutekano mu buryo bwagutse.

Ibi byatumye hubakwa imikoranire n'inzego za leta mu guharanira imibereho myiza y'abaturage Ingabo zishinzwe kurinda.

Imbogamizi Ingabo z'u Rwanda zahuye nazo mu myaka ishize, zatumye zirushaho guhagarara gitwari mu guhangana n'icyageragezo guhungabanya amahoro, umutekano, iterambere n'ituze ry'abaturage zitangiye kandi zubatse mu myaka irenga



makumyabiri.

Bijyanye n'ituze riri mu gihugu no mu bufatanye n'inzego zitandukanye, bizakomeza kuba mu by'ingenzi ku Ngabo z'u Rwanda ubu n'ahazaza.

Ku bw'ibyo, Ingabo z'u Rwanda n'ubuyobozi bwazo biyemeje kurinda ibyo igihugu cyagezeho, guharanira imikoranire n'izindi nzego ndetse n'abaturage mu kubaka iterambere ry'u Rwanda dushyize hamwe nk'igihugu.

Umunsi mwiza wo kwibohora kuri twese.

Gen Patrick Nyamvumba
Umugaba Mukuru w'Ingabo



Intangiriro

Imbarutso yo gutaha, kubohora igihugu

Umuryango wa FPR Inkotanyi uyobora u Rwanda kuva mu 1994, ufite inkomoko mu gushaka kw'abanyarwanda bari barahejejwe mu buhungiro mu bihugu by'ibituranyi n'ahandi, nk'igisubizo kirambye ku buhunzi bwabo bwari bumaze igihe.

Mu myaka myinshi, impunzi zari zarahunze ubwicanyi n'ubugizi bwa nabi bwahereye mu 1959, zashatse gutahuka mu gihugu cyazo kugira ngo zisubirane uburenganzira bwazo nk'abaturage.

Uwo muhate wakunze gucibwa intege na Guverinoma ebyiri zakurikiranye, uhereye kuri Repubulika ya Mbere ya Grégoire Kayibanda (1962-1973) n'iya Kabiri ya Juvenal Habyarimana (1973-1994).

Mu gusubiza ubusabe bw'izo mpunzi zasabaga kwemererwa gutaha mu gihugu cyazo, Guverinoma ya Habyarimana yashimangiye ko u Rwanda rwuzuye, ko rutabona aho kuzituza. Ku bw'iyo mpamvu, zagiriwe inama yo gushaka ubwenegihugu mu bihugu byari byarazihaye ubuhunzi. Guverinoma yemeye kuziha ubufasha muri icyo gikorwa.

Mu gushaka uko zaharanira uburenganzira bwazo uko byagenda kose, izi mpunzi zashinze FPR Inkotanyi mu 1987, kugira ngo ziyifashishe kugera ku mugambi wazo, byaba na ngombwa zikifashisha ingufu za gisirikare.





> Uwo muhate wakunze gucibwa intege na Guverinoma ebyiri zakurikiranye, uhereye kuri Repubulika ya Mbere ya Grégoire Kayibanda (1962-1973) n'iya Kabiri ya Juvenal Habyarimana (1973-1994).

Ubuyobozi bwa FPR Inkotanyi bwiyemeje guhuriza hamwe impunzi aho zari ziri hose, mu Karere k'Ibiyaga bigari, kugera muri Afurika yose ndetse no hanze y'umugabane.

Hashyizweho umurongo ngenderwaho n'amahame ahantu hose habonetse umubare munini w'abanyarwanda, Abakada baratoranywa kandi bahabwa amahugurwa mu bya politiki n'umurongo w'imitekerereze; ndetse inkunga yo gushyigikira ibikorwa by'umuryango itangira gukusanywa binyuze mu bikorwa ndangamuco n'ibindi.

Intego yari uguhuriza hamwe imbaraga mu guharanira

> **Uburyo bwonyine zari zisigaranye bwatumye zishinga RPA, umutwe wa gisirikare wari ugizwe n'abana bakomokaga ku babyeyi nabo bari impunzi.**



uburenganzira bw'impunzi bwo gutaha mu gihugu cyazo binyuze mu muryango ufite imiterere ihamye, ufite ubushobozi bwo kuba wakora ubukangurambaga bwo gushaka ubufasha, no mu miryango mpuzamahanga.

Uburyo bwonyine zari zisigaranye bwatumye zishinga RPA, umutwe wa gisirikare wari ugizwe n'abana bakomokaga ku babyeyi nabo bari impunzi.

Nubwo Uganda yari igihugu gifite igisirikare kibarizwamo umubare munini w'abanyarwanda, yabaye nk'ihuriro ryo gushaka abajya muri RPA, bihuje n'abandi bo



mu Karere k'Ibiyaga bigari cyane abari barahungiye mu Burundi, Zaïre, Kenya, Tanzania n'ahandi. Byaje kurangira, umwanzuro wo gukoresha ingufu za gisirikare ariwo witabajwe.

Muri Uganda, abanyarwanda batangiye gushaka uko bava mu gisirikare cy'igihugu, NRA, batangira kuva mu mitwe y'ingabo babarizwagamo, bitegura uko bazagenda.

> **Intego yari uguhuriza hamwe imbaraga mu guharanira uburenganzira bw'impunzi bwo gutaha mu gihugu cyazo binyuze mu muryango ufite imiterere ihamye, ufite ubushobozi bwo kuba wakora ubukangurambaga bwo gushaka ubufasha no mu miryango mpuzamahanga.**



Urugamba rwo kubohora igihugu

RPA yashinzwe kugira ngo yifashishwe na FPR mu mugambi wo kugera ku ntego yo kubohora igihugu, kikava mu maboko y'intagondwa zari zimaze imyaka irenga 30 zikiyobora zigendeye ku moko aho igice kimwe cy'abaturage bari baratereranwe.

Ku ya Mbere Ukwakira 1990, RPA yateye u Rwanda iturutse muri Uganda. Urugamba rwo kubohora igihugu rwamaze imyaka ine, rwaranzwe n'imbogamizi zikomeye, imwe muri zo ni urupfu rw'Umugaba Mukuru wa RPA, Major General Fred Rwigema, ku munsi wa kabiri w'igitero, rwakurikiwe n'urw'abandi bayobozi bakuru mu ngabo. Ugutakaza morali ndetse no kutagira ubushobozi buhamye mu miyoborere byari bigiye gushyira iherezo kuri RPA no ku ntego za FPR Inkotanyi.

Ku buyobozi bwa Major Paul Kagame wari wasimbuye Nyakwigendera Maj Gen Rwigema, ingabo zabashije kongera kwisuganya zikomeza urugamba. Nicyo gihe RPA yakomeje guhura n'imbogamizi zirimo ko Guverinoma yariho yashyigikirwaga n'ibihugu bikomeye birimo u Bufaransa, ibyo mu Karere nka Zaïre, byatangaga ubufasha burimo ubwa gisirikare.

Hari kandi n'imbogamizi zo kugerwaho n'ibikoresho bikenewe kuko icyo gihe ku mupaka w'u Rwanda na Uganda hari indorerezi z'Umuryango w'Abibumbye.

Mu 1991, bitewe no kongera kwisuganya

1 Ukwakira 1990, RPA yateye u Rwanda iturutse muri Uganda.

30 Mu myaka irenga 30, igihugu cyayoborwaga n'intagondwa zagenderaga ku moko aho igice kimwe cy'abaturage bari baratereranwe.



kwayobowe n'Umuyobozi Mukuru w'Ingabo, Paul Kagame, wari wasimbuye Fred Rwigema, RPA yarakuze nubwo yari igizwe n'abasirikare bake ariko bafite ubushobozi bwo kurwana ahantu hatandukanye. Ubushobozi bw'ibikoresho n'ibindi nkenerwa nabwo bwakomeje kwiyongera.

Mu gihe Guverinoma ya Habyarimana yabonaga ko igowe no guhangana no gutsinda RPA, yateguye ubukangurambaga bwo kurimbura imbaga bugambiriye abo mu bwoko bw'abatutsi, ababashyigikiye ndetse n'abataravugaga rumwe n'ubutegetsi, hatitawe ku bwoko bwabo.

Umugambi wari ugutsemba burundu iki cyiciro cy'abaturage ubutegetsi bwafataga nk'ikibazo.

Ubuyobozi bwa FPR Inkotanyi ntabwo bwari bwaratekereje ko kubera icyemezo cyo gutaha kw'impunzi ku ngufu, Guverinoma ya Habyarimana ishobora gucura umugambi wo gutsemba Abatutsi.

Nubwo Umuryango Mpuzamahanga wari waraburiwe inshuro nyinshi

> **Urugamba rwaranzwe n'imbogamizi zikomeye, imwe muri zo ni urupfu rw'Umugaba Mukuru wa RPA, Major General Fred Rwigema, ku munsi wa kabiri w'igitero, rwakurikiwe n'urw'abandi bayobozi bakuru mu ngabo.**



> **Umugambi wari ugutsemba burundu iki cyiciro cy'abaturage ubutegetsi bwafataga nk'ikibazo.**

n'indorerezi mpuzamahanga n'izo mu gihugu ko Jenoside ishoboka, ntabwo wigeze ugira icyo ukora mu kubuza no guhagarika ubwicanyi. Ibyo byahise bishyira izo nshingano kuri FPR Inkotanyi, binyuze muri RPA.

Gutatanya Guverinoma ya Habyarimana no gushyikiriza ubutabera ba ruharwa mu gutegura ubwicanyi, byahise bihinduka ikintu cy'ingenzi ndetse n'uburyo bwonyine

> **Bitewe no kongera kwisuganya kwayobowe n'Umuyobozi Mukuru w'Ingabo, Paul Kagame, wari wasimbuye Fred Rwigema, RPA yarakuze nubwo yari igizwe n'abasirikare bake ariko bafite ubushobozi bwo kurwana ahantu hatandukanye.**





bwashobokaga kuri FPR Inkotanyi n'abandi bafatanyaga mu bya politiki muri Guverinoma y'Ubumwe.

Umunsi wo Kwibohora ushushanya ukubohora u Rwanda n'Abanyarwanda ku ngoyi ya Guverinoma ya Habyarimana yakoze Jenoside, no guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi, ndetse n'ubwicanyi bwakorerwaga abandi banyarwanda bafatwaga nk'abanzi.

Ushushanya kandi igihe gikomeye cyo guhindura umurongo, igihugu kikava ku kuba kigizwe n'ihezwa ryari ryarabaye nk'umugenzo wemewe, ahubwo kigahinduka icyibonwamo n'abaturage bose bakishimira kugira uburenganzira bumwe.

NYAKANGA

4

Umunsi wo Kwibohora ushushanya ukubohora u Rwanda n'Abanyarwanda ku ngoyi ya Guverinoma ya Habyarimana yakoze Jenoside, no guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Gufata Inshingano

z'igihugu, inama zihutirwa, kugena iby'ibanze

FPR Inkotanyi yagiye ku butegetsi idafite ubunararibonye bwo kuyobora Guverinoma. Gusa ibirenze ku bunararibonye, ni uko ubuyobozi bwayo bwari bufite intumbero yo kugera ku ntsinzi, ari nayo yafashije RPA gutsinda ingabo za FAR, zari nyinshi mu mubare kubarusha.

Ubunararibonye mu bya politiki bwari mu bayobozi ba FPR Inkotanyi bwakwirakwijwe mu Bakada bake bari abakozi muri za guverinoma z'ibihugu byari byarabacumbikiye nk'impunzi. Abakozi leta yari ifite icyo gihe bari biganjemo abarangije amashuri yisumbuye.

> **Gusa ibirenze ku bunararibonye, ni uko ubuyobozi bwayo bwari bufite intumbero yo kugera ku ntsinzi, ari nayo yafashije RPA gutsinda ingabo za FAR, zari nyinshi mu mubare kubarusha.**



Mu gushyiraho Guverinoma ya mbere nyuma ya Jenoside, FPR Inkotanyi yakoranye n'amashyaka yari asanzweho ataragize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside. Intego yari ugushyiraho uburyo bw'imikoranire.

Uburemere bw'akazi kari gahari mu mizo ya mbere, bwakomwe mu nkokora no kutagira amikoro, igihugu cyasaga n'icyasenyutse burundu bituma RPA ifata inshingano zikomeye zo kubungabunga umutekano igamije kugarura ituze, kongera kucyubaka ndetse no kugiteza imbere.

RPA rwari rwo rwego rwonyine rufite imikorere ihamye ndetse n'ubushobozi bwisumbuye mu bikoresho no kubasha gushyira ibintu ku murongo. Byayibashishije kugera kuri byinshi; ndetse no gusubiza ku murongo Radio Rwanda byakozwe

> **Mu gushyiraho Guverinoma ya mbere nyuma ya Jenoside, FPR Inkotanyi yakoranye n'amashyaka yari asanzweho ataragize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside. Intego yari ugushyiraho uburyo bw'imikoranire.**









n'abatekinisiye ba gisirikare. Bitewe n'uko nta telefoni zari zihari, na ba Minisitiri bakoreshaga ibyombo bya gisirikare kugira ngo babashe kuvugana.

Icyo gihe icyari gishyizwe imbere kwari ukubona ibintu bikozwe, aho kuba ubushobozi bwo kubikora. Ingabo niyo maboko yari ahari yiteguye gutanga umusanzu adategereje igihembo nkuko byari kugenda ku bigo byigenga byashoboraga guhabwa akazi.

FPR Inkotanyi yafashe igihugu kitagira abantu n'ubushobozi bw'amafaranga. Kimwe mu by'ingenzi byari bikenewe ako kanya ni ugusukura igihugu cyari cyuzuye imirambo y'abazize Jenoside n'ubwicanyi, izi nshingano RPA ni yo yazisohoje.

RPA kandi yafashe inshingano zo gucunga umutekano w'abantu no kugarura iyubahirizwa ry' amabwiriza n'amategeko. Mbere na mbere yagombaga gushaka abakekwaho Jenoside bagashyirwa ahantu hamwe, bagacungirwa umutekano kandi bakagaburirwa. Jandarumeri ya mbere ya Jenoside yari ifite inshingano ku iyubahirizwa ry'amabwiriza n'amategeko, yari yarasenyutse.

Abagombaga kubikora bamwe bagize uruhare muri Jenoside barafashwe, mu gihe abandi bahunganye n'izindi nzego z'umutekano bajya muri Zaïre bisiga icyuho muri uru rwego.



> **FPR Inkotanyi yafashe igihugu kitagira abantu n'ubushobozi bw'amafaranga. Kimwe mu by'ingenzi byari bikenewe ako kanya ni ugusukura igihugu cyari cyuzuye imirambo y'abazize Jenoside n'ubwicanyi, izi nshingano RPA ni yo yazisohoje.**



Intwaro nyinshi zari zihishe mu baturage. Zimwe zifashishwaga mu gukora ibyaha birimo ubwicanyi n'ubujura. Ibihumbi amagana by'abakekwaho jenoside bagendagendaga mu bice bitandukanye by'igihugu, bateza umutekano muke. Bamwe bahigaga ndetse bakica abarokotse Jenoside kugira ngo bizere ko ntawe uzabashinja.

Byari ngombwa ko batabwa muri yombi bakaburanishwa. Nubwo RPA yakoze akazi gateye ishema, ku rundi ruhande kurwanya ibyaha byari bikeneye ko hashyirwaho urwego rwihariye rureba iby'iyubahirizwa ry'amabwiriza n'amategeko.

Intambwe ya mbere yabaye kongera gushyiraho Jandarumeri. Jandarumeri nshya yari ihuriyemo abari muri RPA ndetse n'ingabo zatsinzwe (Ex-FAR), kugira ngo bakemure inzitizi yo kongera kubahiriza amabwiriza n'amategeko mu bihe bikomeye.

> **Jandarumeri yaje kuba umutima w'ishingwa ry'urwego rushinzwe ibikorwa bya gisivili ari rwo Polisi y'Igihugu yashinzwe mu 2000.**

Jandarumeri yaje kuba umutima w'ishingwa ry'urwego rushinzwe ibikorwa bya gisivili ari rwo Polisi y'Igihugu yashinzwe mu 2000.

Mu gusubiza kandi ikibazo cy'abakozi bake mu nzego za gisivili, abofisiye ba RPA, bagiye bashyirwa mu buyobozi mu nzego z'ibanze ndetse no ku rwego rw'igihugu kugira ngo bazibe icyuho cyari cyarasizwe n'abakozi ba leta bari barishwe cyangwa barahunze. Bamwe babaye ba meya, abandi abanyamabanga bahoraho, abandi bagirwa abayobozi b'ibigo n'inzego bya leta.





Kwinjizwa muri RPA kw'abahoze muri FAR

Kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge

FPR yafashe hakiri kare icyemezo cy'uko hakenewe imbaraga zizafasha u Rwanda gutekana nyuma y'intambara yakurikiye Jenoside. Izo mbaraga zarimo kwinjiza abahoze ari ingabo za Ex-FAR mu gisirikare cya RPA cyari kigiye kuba ingabo z'igihugu.

Ibyo bitero bya hato na hato bikirangira hari indi mitwe yavutse; byabaye ngombwa ko guverinoma ishyiraho gahunda yo kwinjiza mu ngabo abarwanyi b'iyo mitwe bamanitse amaboko bakemera gutsindwa cyangwa abafashwe ariko bakaba babishaka.

Ababarirwa mu bihumbi binjijwe mu ngabo mu gihe abandi bashatse gusubira mu buzima bwa gisivili na bo bafashijwe gusubira mu miryango baturukagamo. Uko guhuza abasirikare bari bahanganye byagize akamaro gakomeye.

Guha abahoze ari abarwanyi muhanganye amahirwe yo kujya mu gisirikare gishya, byakuyeho amahitamo yabo yo kuba basubira mu bikorwa by'imitwe yitwaje intwaro cyangwa ibindi byaha.

Ku barwanyi, gukorana n'abo bahoze bahanganye ku rugamba rukaze ndetse babafitiye urwikekwe, byabafunguriye amarembo yo kumenyana, bubakanamo icyizere n'ubwumvane byagejeje ku guhuza imyumvire yo kubaka igihugu.

Inyungu ikomeye cyane muri politiki yavuye mu guhuza ingabo, ni uko byabaye umusingi wo kubakiraho u Rwanda rwasenyutse kubera Jenoside no gufasha kubaka umuryango nyarwanda mushya udaheza umuturage uwo ariwe wese.

> **Guha abahoze ari abarwanyi muhanganye amahirwe yo kujya mu gisirikare gishya, byakuyeho amahitamo yabo yo kuba basubira mu bikorwa by'imitwe yitwaje intwaro cyangwa ibindi byaha.**





Ibitero bya hato na hato

Byarwanyijwe na RPA mu kurushaho gucunga umutekano

1996-2001 :

Ibitero bya hato na hato byarwanyijwe na RPA mu kurushaho gucunga umutekano

Umubare munini w'abahoze ari abarwanyi bahunze igihugu, bagiye kwisuganyiriza mu yahoze ari Zaïre, bafatanyije n'abandi bakoreraga mu gihugu, batangira kugaba ibitero kuri guverinoma nshya kugeza mu 2001.

Intego zabo zari, iyo gukuraho guverinoma nshya no gusoza umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ibi bitero byabereye guverinoma nshya umutwaro uremereye, cyane ko byari bishyigikiwe n'abari imbere no hanze y'igihugu batangaga ubufasha butandukanye.

Icyafashije guverinoma gutsinda izo ntambara, yakoresheje uburyo bubiri burimo gufata intwaro igahangana n'abo barwanyi ariko inageragezа kuganiriza abaturage babacumbikiraga, bakabagaburira ndetse bakabaha n'ubundi bufasha. Ibyo biganiro byari bigamije ko abaturage bahindura imitekerereze.

Nubwo imitwe y'inyeshyamba yarwanyaga guverinoma, abarwanyi bayo bari bahanzwe amaso mu mugambi wo guhuza ingabo. Intego yari ukubafasha kongera kugaruka bakanatuzwa mu gihugu, bakagira uruhare mu kubaka u Rwanda rushya.



987

Abana bahoze mu mitwe yitwaje intwaro, basubijwe mu buzima busanzwe

Uyu munsi, nyuma y'imyaka 25, kwakira mu muryango mugari abahoze ari abarwanyi biracyakomeje.

Benshi mu bahoze ari abarwanyi barimo abo muri FDLR n'imitwe iyishamikiyeho baracyakomeje gutahuka mu Rwanda. Gushyirwa mu ngabo ku bahoze ari abarwanyi byo byarasojwe.

Gusa ntibikuraho ko abatahutse mu gihugu kimwe n'imiryango yabo bafashwa gusubira no kwisanga mu muryango, bagahabwa ubufasha ku buryo babaho mu buzima bwiza.

Mbere yo gusubizwa mu buzima busanzwe, babanza kwigishwa, bagasangizwa indangagaciro binyuze muri Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu ngabo.

Mu kwitegura gusubira mu miryango yabo, abatahutse bahabwa ibikoresho n'ubundi bufasha butuma bashobora kubaka ubuzima mu gihe bageze mu miryango bakomokamo.

Ubufasha nk'ubu kandi buhabwa impunzi z'abasivili zivuye mu buhungiro. Ubufasha buhabwa abasubizwa mu buzima busanzwe bwibanda ku kwita ku bagore, abana n'abafite ubumuga, gutanga ubujyanama mu by'imitekerereze; guhabwa ubuvuzi, kugirwa inama no gusuzumwa ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, guhugurwa mu myuga, gutera inkunga imishinga itandukanye ibyara inyungu, gufasha abihangira imirimo, kwigisha kubara no gusoma, kubatuza no kugenera amafaranga abafite ubumuga bukomeye, kubaka ubushobozi bw'amakoperative ndetse no kwita no guhugura abahoze ari abarwanyi bamugariye ku rugamba n'abandi bafite ubumuga ngo bagire ubuzima bwiza.

Abagenerwabikorwa barimo abagize imiryango y'abahoze ari abarwanyi ndetse na bamwe mu bashobora kuba bakiri muri Congo barimo n'abagenda bataha.

Kuva yashyirwaho, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu ngabo yakiriye, yigisha, inafasha gusubiza mu buzima busanzwe abahoze muri Ex-FAR 12 969 n'abandi 11 312 bakuze bahoze mu mitwe yitwaje intwaro, barimo abana 11 884 n'abandi bana 987 babarizwaga mu mitwe yitwaje intwaro.

Komisiyo kandi yagize uruhare mu gusubiza mu buzima busanzwe abasirikare 45 368 bahoze mu ngabo za RPA na RDF.





Ubufasha buhabwa abasubizwa mu buzima busanzwe bwibanda ku kwita ku bagore, abana n'abafite ubumuga, gutanga ubujyanama mu by'imitekerereze, kugirwa inama no gusuzumwa ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, guhugurwa mu myuga, gutera inkunga imishinga itandukanye ibyara inyungu n'ibindi.



Ibikorwa bya gisirikare byo hanze y'igihugu

Hagamijwe kurinda umutekano w'igihugu

Nyuma gato ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Guverinoma nshya yisanze mu rugamba rukomeye rurenze ibitero bya hato na hato by'abahoze muri Ex-FAR n'abari babashyigikiye.

Icyo kibazo cyari gishingiye ku bufasha bw'ibikoresho n'ubundi bwahagwaga imitwe yitwaje intwaro buturutse mu mahanga, ahari abifuzaga gukuraho ubutegetsi bwariho.

> Icyo kibazo cyari gishingiye ku bufasha bw'ibikoresho n'ubundi bwahagwaga imitwe yitwaje intwaro buturutse mu mahanga, ahari abifuzaga gukuraho ubutegetsi bwariho.

Inkunga ikomeye yatangwaga ivuye muri Guverinoma ya Zaïre yari iyobowe na Mobutu Sese Seko. Ibibazo byiyongereye cyane ubwo Umuryango Mpuzamahanga wongeraga kwifata ukabura uko witwara nyamara hari ikibazo cy'umutekano muke mu Karere.



Hagati aho, binyuze mu nkunga z'imiryango mpuzamahanga yigenga zo kwifashishwa mu bikorwa by'ubutabazi, Umuryango Mpuzamahanga wagize uruhare mu guha amafunguro abarwanyi, unabafasha kwisuganya aho bari mu nkambi z'impunzi zari hafi y'umupaka w'u Rwanda na Zaïre.

Kuba imitwe yitwaje intwaro yari yegereye umupaka w'u Rwanda, bihabanye n'Amategeko Mpuzamahanga.

Guverinoma y'u Rwanda yagombaga gushaka igisubizo cy'iki kibazo cyari kibangamiye ituze ry'igihugu kivuye muri imwe muri Jenoside zakoranywe ubukana mu kinyejana cya 20.

Gushaka igisubizo byaganishije ku ntambara ya Mbere ya Congo

Guverinoma y'u Rwanda yohereje ingabo muri Zaïre ngo zisenye inkambi z'impunzi zari zicumbikiye ingeri nyinshi z'abanyarwanda bari barahunze intambara.

Usibye gucumbikira impunzi, inkambi zakoreshwaga nk'ubuhungiro n'ahantu ho kwisuganyiriza ku barwanyi basize bakoze Jenoside.

Intambara yayobowe n'u Rwanda ariko rufashijwe n'ibindi bihugu, byaje kurangira ishyize iherezo ku butegetsi bwa Mobutu bujya mu maboko ya Laurent Désiré Kabila.



Usibye guhatira umubare munini w'Abanyarwanda bari barahunze igihugu gutahuka, gusenya inkambi z'impunzi byatatanyije, binaca intege abasize bakoze Jenoside.

Kubera ibyo bitero bya RPA n'abari bayishyigikiye, benshi mu barwanyi n'ababateraga inkunga bahungiye mu bihugu birimo ibyo muri Afurika yo hagati, Uburasirazuba n'Uburengerazuba.

Abo barwanyi bongeye kwisuganya, bashaka gukomeza umugambi wabo wo gukuraho ubutegetsi no gukomeza Jenoside mu Rwanda.

Ni kimwe mu byatumye bakomeza kuba imbogamizi ku mutekano w'u Rwanda bafashijwe na Kabila, bigeza ku ntambara ya kabiri ya Congo n'ibindi bikorwa bya gisirikare RPA yagombye gukora mu gusigasira umutekano w'imbere no hanze y'igihugu.

> **Nyamara ingengabitekerezo ya Jenoside yakwirakwijwe n'imitwe yitwaje intwaro mu bice ikoreramo, iteza ikibazo ndetse idashakiwe igisubizo kare, yateza ikibazo gikomeye ku ituze ry'igihugu n'akarere mu gihe kizaza.**

Umwe mu mitwe y'iterabwoba wamaze igihe kirekire ni FDLR, kuri ubu wacitse intege ndetse nta mpungenge uteye ku mutekano w'u Rwanda.

Nyamara ingengabitekerezo ya Jenoside yakwirakwijwe n'imitwe yitwaje intwaro mu bice ikoreramo, iteza ikibazo ndetse idashakiwe igisubizo kare, yateza ikibazo gikomeye ku ituze ry'igihugu n'akarere mu gihe kizaza.





Ubunyamwuga

Ku ngabo zatojwe kandi zikomeye

Ubunyamwuga:

Ku ngabo zatojwe kandi zikomeye

Nk'uko byagarutsweho, mu myaka mike nyuma ya 1994, RPA yasabwaga kugira uruhare mu gusubiza igihugu ku murongo, ifatanyije n'izindi nzego z'igihugu nazo zari zicyiyubaka.

Urwo rugendo nk'uko byagaragaye, rwasabaga guhangana n'ibikorwa by'abahungabanya

> **Muri Nyakanga 2002, Ingabo zari iza RPA zahindutse Ingabo z'u Rwanda (RDF). Ibi byari bijyanye n'isura nshya y'ingabo, nyuma yo gusubiza mu gisirikare abari mu mitwe yashakaga guhungabanya umutekano na Ex-FAR.**



umutekano no gusigasira ubusugire bw'igihugu, harimo no kwifashisha ibikorwa bya gisirikare byo hanze y'igihugu aho bibaye ngombwa.

Izo nshingano zujujwe kubera ubunyamwuga bwa RDF, hakomeza impinduka zarebaga igisirikare cyari kivuye mu ntambara kigomba kuba Ingabo z'igihugu.

Mu gihe cya mbere ariko, kubaka ubunyamwuga bwa RPA nyuma y'urugamba rwo kwibohora byagiye bikomwa mu nkokora n'ingorane zishingiye ku mikoro.

Muri Nyakanga 2002, Ingabo zari iza RPA zahindutse Ingabo z'u Rwanda (RDF). Ibi byari bijyanye n'isura nshya y'ingabo, nyuma yo gusubiza mu gisirikare abari mu mitwe yashakaga guhungabanya umutekano na Ex-FAR.

Igikomeye kuri uko kwinjizwa mu ngabo ni uko kutigeze guhindura isura yazo. RDF yashoboraga guhinduka bijyanye n'igihe, imiterere, inzego n'imikorere, ariko ikagumana umwimerere wayo, wubakiye ku mirongo migari yashyizweho





birangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru w'Ingabo mu gihe cy'urugamba rwo kubohora igihugu, ubu ni Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo, Nyakubahwa Paul Kagame.

Perezida Kagame yabaye umusemburo w'ayo mahame kandi akomeje kwibutsa umuryango mugari w'ingabo ko RDF ari umusingi w'iterambere ry'Abanyarwanda.

Ikintu cyari gikomeye kuri RPA ni uko abenshi mu bari bayigize, bataye amashuri yisumbuye na za kaminuza binjira mu rugamba rwo kubohora igihugu. Nyuma y'ibihe by'umutekano muke n'ibikorwa bya gisirikare mu mahanga, abasirikare ba RDF bafashijwe gusubukura amasomo mu mashuri yisumbuye atandukanye ya leta no mu yahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR).

Abandi boherejwe mu bihugu nk'u Buhinde, Israel na Afurika y'Epfo, ngo basoze amasomo yabo cyangwa batangire izindi gahunda z'amasomo.

Iyo gahunda yatumye RDF iba mu nzego za mbere





zagize inzobere mu bintu bitandukanye nk'ubuganga, ubukungu, ibaruramari, ibinyabuzima, impuguke mu ikoranabuhanga, ubwubatsi, itumanaho n'ubukanishi. Abo ubu barangaje imbere Ingabo, banejejwe no gukorera inzego za gisirikare, igihugu n'umuryango nyarwanda muri rusange.

Hakurikiyeho gukarishya ubumenyi mu bya gisirikare, aho Ishuri rya Gisirikare rya Kenya (KDF) n'Itsinda ry'Abajyanama ba Gisirikare rya Kenya (K-MAT) bagize uruhare mu gutanga imyitozo rusange y'ibanze.

Ibigo by'imyitozo byashyizweho mu Ishuri rya Gisirikare rya Gako, aho uyu munsi RDF ihategurira abofisiye b'umwuga n'aboherezwa mu butumwa bw'amahoro.

Ikigo cy'Imyitozo cya Gisirikare cya Gabiro (Gabiro CTC) ni irindi shami rya RDF rifasha mu guhugura abasirikare bato bayoboye abandi n'aba Su-Ofisiye. Hari kandi n'amasomo yihariye atangirwa muri Gabiro CTC.

Haza n'Ikigo cy'imyitozo cya Gisirikare cya Nasho gitanga amahugurwa y'ibanze n'ajyanye n'ibikorwa byihariye.

Ikigo cy'u Rwanda cy'Amahoro cyo gitanga amasomo ku bijyanye n'amahoro ku basirikare n'abasivili, abanyarwanda n'abanyamahanga.





> **RDF yari mu nzego za mbere zagize inzobere mu bintu bitandukanye nk'ubuganga, ubukungu, ibaruramari, ibinyabuzima, impuguke mu ikoranabuhanga, ubwubatsi, itumanaho n'ubukanishi.**



Izo gahunda zose zifasha mu guhugura abasirikare bakagira ubumenyi bw'ibanze bukenewe.

Kuva mu 2012, ikindi cyuho na cyo cyagiye kizibwa n'amahugurwa atangirwa mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare (RDFCSC) i Nyakinama. Risohora ba Ofisiye bakuru bafite ubushobozi n'ubumenyi bwo gusesengura ibibazo by'umutekano mu buryo bwa gisirikare, kugira ngo babashe gufata icyemezo gikwiye kandi ku gihe, haba mu bihe bikomeye cyangwa ibigoye gukoreramo.

Muri urwo rugendo rwo kubaka ubunyamwuga, imyitozo ikenewe n'ibikoresho, RDF yagaragaje ubushobozi bwayo haba imbere mu gihugu, mu karere no ku rwego mpuzamahanga.

Ibyo byatumye ubusabe bwo gutanga abajya mu bikorwa bitandukanye no guhabwa ubuyobozi n'inshingano mu nzego zinyuranye mpuzamahanga, byiyongera ku rwego rugaragara.

Ni byo byatumye kandi RDF mu minsi iri imbere ishaka gushyiraho Ishuri ry'Igihugu rya Gisirikare (National Defence College, NDC), rizajya ritanga amahugurwa n'amasomo, rikanagira uruhare mu kubaka ubushobozi bw'abayobozi mu mikorere no gusangiza







ubumenyi mu bijyanye n'igisirikare.
Guhera mu 2000, RDF yakomeje impinduka n'amavugurura, by'umwihariko mu bijyanye no kongera ubushobozi bw'abakozi, kunoza ibijyanye n'amategeko no kubona ibikoresho bikenewe.

Uru rugendo rugana ku kubaka ubunyamwuga rwakomeje kandi ruzakomeza kubakwa nkuko biteganywa mu nyandiko yemejwe igenderwaho mu kunoza imikorere



ya RDF (RDF Establishment).

Inyandiko igenderwaho mu kunoza imikorere ya RDF

Inyandiko igenderwaho mu kunoza imikorere ya RDF, igamije ko RDF yaguka mu bayigize, igakorera ku murongo, ikagira inzego, amahugurwa n'ibikoresho bihagije bituma yuzuza inshingano zayo.

Ikubiyemo ubunararibonye n'amasomo yizwe mu myaka myinshi ishize mu bikorwa binyuranye bya gisirikare n'ahantu hatandukanye, haba mu ntambara, amahoro cyangwa mu bikorwa byo kugarura amahoro.

Yatumye haboneka ingabo zikorera ku murongo, ziteguye gutanga ibisubizo kubera ubushobozi buhagije mu bya gisirikare bushobora gufasha no mu bihe bikomeye.

Inagenga ibikorwa byose by'ingenzi guhera ku kwinjiza abasirikare bashya, amahugurwa, kuzamurwa mu ntera cyangwa gushyirwa mu kiruhuko.

Iyo nyandiko igengwa n'Itegeko N°10/2011 ryo ku wa 13/05/2011 rigena inshingano, imiterere n'ububasha by'Ingabo z'u Rwanda. Igamije kujyanisha n'igihe imikorere ariko ikaguma ku ndangagaciro za RDF: Umurava, gukunda igihugu

> **Inyandiko igenderwaho mu kunoza imikorere ya RDF yatumye haboneka ingabo zikorera ku murongo, ziteguye gutanga ibisubizo kubera ubushobozi buhagije mu bya gisirikare bushobora gufasha no mu bihe bikomeye**

n'ubushobozi bwo guhangana.

Yitsa ku kugira umusirikare ufite imyitwarire myiza, umurava, imyitozo n'ibikoresho nk'ishingiro rya RDF.

Bashyize hamwe, ba Ofisiye n'abasirikare bato bagize imitwe ari nayo igize RDF nk'ingabo zikomeye kandi z'ibigwi, biteguye kurinda ubusugire bw'u Rwanda kandi bafite ku mutima imibereho myiza y'abanyarwanda.

Uyu munsi RDF ni Ingabo z'umwuga zirinda ubusugire bw'u Rwanda, zigira uruhare mu bikorwa bitandukanye byo kubaka igihugu kandi ziharanira,

> **Ahahise, uyu munsi n'ahazaza ha RDF hashingiye ku mitekerereze isobanutse yubakiyeho: Ko RDF igomba kuba ingabo zifite politiki ihamye na gahunda y'iterambere irenze gucunga umutekano gusa.**









zikarinda ndetse zigateza imbere inyungu z'igihugu.

Ahahise, uyu munsi n'ahazaza ha RDF hashingiye ku mitekerereze isobanutse yubakiyeho: Ko RDF igomba kuba ingabo zifite politiki ihamye na gahunda y'iterambere irenze gucunga umutekano gusa.

Uyu murongo w'imitekerereze uhura n'indangagaciro ziranga izi ngabo, zigomba no gukomeza kuranga RDF mu gihe kiri imbere.

Iterambere

Uruhare mu iterambere ry'igihugu

Uruhare mu iterambere ry'igihugu

Kimwe n'izindi ngabo, inshingano z'ibanze za RDF ni ukurinda ubusugire bw'igihugu. Nyamara Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryahaye RDF umukoro wa kabiri wo gushyigikira iterambere ry'igihugu no gutanga umusanzu mu kubungabunga umutekano ndetse n'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza.

Umukoro wahawe RDF ushingiye ku gitekerezo kigaragaza ko inshingano z'ibanze zo kurinda ubusugire bw'igihugu, zahura n'imbogamizi mu gihe hari ubukene bunuma mu baturage.

1 250,6KM

Imihanda yubatswe / Yarasanwe



Ubukene bushingiye ku kubura amahirwe yo kugera ku ntego umuntu yihaye ni imwe mu mpamvu ituma abiganjemo urubyiruko bayoboka udutsiko tw'iterabwoba n'indi mitwe yitwaje intwaro.

Ibi nibyo byatumye kuva mu 2009 RDF yaratangiye kwinjira mu bikorwa bitandukanye bigamije gushyigikira gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu bw'igihugu binyuze muri gahunda yiswe 'RDF Citizen Outreach Program'.

Ibikorwa byayo bigabanyije mu byiciro bibiri ariko bikora mu mfuruka nyinshi z'ubuzima bw'igihugu; birimo ibigamije guhanga imirimo mu cyerekezo cyo gufasha urwego rw'abikorera mu Rwanda.

Ibindi bijyanye n'ibikorwa by'ingabo bigamije iterambere ry'abaturage byashyizweho mu gushaka ibisubizo ku bibazo bahura na byo, muri make bigera mu ngeri nyinshi.



Guteza imbere ibikorwaremezo mu kuzamura imitangire ya serivisi

Ku ikubitiro, Ingabo za RPA zatangiye zisana ibikorwaremezo birimo imihanda n'ibiraro byasenyutse mu gihe cy'intambara.

Nta rwego rwa Leta rwakoraga kuko zose zari zarasenyutse. Mu kuziba icyuho, Horizon Construction Ltd yahise itangizwa mu 2007. Yagize uruhare mu kubaka ubushobozi bw'urwego rw'ubwubatsi mu gihugu bijyanye n'intego irambye y'u Rwanda mu kuruzamura no kugabanya kurangamira ubufasha bw'ibigo mvamahanga.

Igisirikare cyagize ubushobozi buhambaye mu bijyanye n'ubwubatsi ku buryo byagifashije gukora imishinga yagutse kandi ahantu hatandukanye.

Uyu munsi, yifashishije abenjeniyeri bayo, RDF yubaka, ikanasana imihanda migari n'ibiraro. Imaze gutanga umusanzu ukomeye mu guteza imbere ibikorwaremezo mu Rwanda hibandwa ku mihanda yo mu mijyi no mu byaro ndetse n'ibiraro byinshi mu gihugu.

Ibi byoroheje ingendo mu bice bitandukanye by'igihugu aho ibyo bikorwaremezo bitari cyangwa aho byari bikeneye gusanwa. Imihanda yubatswe n'iyasanwe ireshya n'ibilometero 283 233.

Ibindi bikorwa RDF yakoze birimo gukwirakwiza amazi meza ku ngo 80 533, gusana umuyoboro w'amazi ureshya n'ibilometero 381,75 no gucanira umuriro w'amashanyarazi ingo 107 563.



Umusanzu mu kubaka inzu n'amashuri

RDF yiyemeje kuguma ku isonga mu kubaka amashuri, amavuriro no gutuza abarokotse Jenoside n'abandi baturage badashoboye kubona icumbi kubera ikiguzi gihanitse cyo kubaka kandi bakeneye inzu zihendutse.

Imibare yo muri Gicurasi 2019, igaragaza ko RDF yari imaze kubaka no gusana inzu 87 640 zagenewe abarokotse Jenoside n'abatishoboye, imidugudu y'icyitegererezo 34, ubwiherero 36 434, amashuri 1 380, ibiraro 427; ibi bikorwa byiyongeraho indi mishinga 140 irimo ibigo nderabuzima n'amakusanyirizo y'amata n'ibirayi.

RDF yiyemeje gukomeza intego ya Guverinoma yo kugabanya umubare w'abanyamahanga bahabwa amasoko y'ubwubatsi.

Ibi binafasha kandi mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'abikorera hagamijwe kubafasha kunoza imikorere yabo.



1 380
Amashuri yubatswe



RDF ibinyujije mu ikigo cyayo cy'ubwubatsi cya Horizon Construction Limited, yashinzwe mu 2007, yatangiye kwigisha abenjeniyeri bayo. Boherejwe hanze gukora no kwiga uko ibigo bikomeye bishyira mu bikorwa imishinga yabyo. Intego yari ihari ni ugufasha imishinga y'ubwubatsi gukorwa ku kiguzi gito ugereranyije n'icy'abanyamahanga.

Ibi byakozwe mu kuzirikana ko umutekano w'igihugu udashingiye gusa mu gukoresha imbunda ahubwo hari ubushobozi bukenerwa mu nzego nyinshi.

427
Ibiraro byubatswe

87 640
Inzu zubatswe / zasanwe zigenewe abatishoboye n'abarokotse Jenoside



Ubuhinzi no kubungabunga ibidukikije

RDF kandi yatanze umusanzu ukomeye mu bijyanye n'ubuhinzi. Yagize uruhare mu guhuza ubutaka mu gihugu no guha abahinzi imbuto z'ibirayi ifatanyije na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

Ingabo zikorana n'abaturage mu kubugabunga ibidukikije zitera ibiti, zica amatarasi y'indinganire mu misozi mu kurwanya isuri ndetse no kubaka uburyo bwo kwirinda imyuzure mu bikorwa byakorewe ku butaka buri ku buso bwa hegitari 43 016.

Zinagira uruhare mu kwita ku bishanga no mu iterambere ryo kuhira mu buryo bugezweho.

Mu duce tumwe duhingwamo ikawa, ingabo zubatse inganda zifasha abahinzi kuyikorera isuku no kuyitunganya neza ku buryo igera ku isoko yujuje ubuziranenge kandi ifite agaciro.

RDF kandi iri ku isonga mu gukora imiti yica udukoko ndetse n'ihabwa amatungo. Byafashije ingabo guhangana na nkongwa mu Rwanda zikoresheje imiti yakorewe mu gihugu nyuma y'uko aka gakoko kari kibasiye igihingwa cy'ibigori mu bihugu bituranye n'u Rwanda.

43 016
Hegitari zatunganyijwe



Byongeye, ingabo mu duce dutandukanye zikorana n'abayobozi b'inzego z'ibanze mu gace bayobora mu kwirinda iyononwa ry'ibidukikije, nko gutema ibiti bito cyangwa kwangiza amashyamba.

Umurava watumye ingabo zinjira mu iterambere ry'igihugu ntiwabayeho ku bw'impanuka cyangwa ibitekerezo bihutiyeho ahubwo ni igitekerezo gifite imizi mu gihe cy'urugamba rwo kwibohora. Byatekerejwe kuva ku ntangiriro ko igisirikare kizaba mu mutima wo guhindura u Rwanda rukaba igihugu kibereye bose.

Ingabo za RPA zari zifite ubumenyi n'ubushobozi bwo gukorera hamwe ndetse guverinoma yari ikeneye kubukoresha.

Byatekerezwaga ko abasirikare b'inzobere mu buvuzi n'abenjeniyeri bakomeye batazaguma mu bigo bya gisirikare ahubwo bazakoresha ubumenyi bwabo mu kwita ku muryango nyarwanda.



3 525
Inka zatanzwe

Mu duce tumwe duhingwamo ikawa, ingabo zubatse inganda zifasha abahinzi kuyikorera isuku no kuyitunganya neza ku buryo igera ku isoko yujuje ubuziranenge kandi ifite agaciro.



Ubuzima

RDF ifite ibitaro bya Kanombe, Kanombe Military Hospital (RMH), biri mu byagutse mu gihugu kandi by'icyitegererezo binafite ibikoresho bihagije.

Mu bagana ibi bitaro, abagera kuri 80% ni abaturage basanzwe. Mu kwezi byakira abarwayi 155 250, muri bo 408 bahabwa serivisi zo kubagwa.

Abarwayi babigana bivuza indwara zoroheje kugeza ku zikomeye nka kanseri kuko bifite ishami rizobereye mu bijyanye no kubaga.

Icyiyongereyeho mu bikorwa by'ingabo bigamije iterambere ry'abaturage, RDF buri mwaka yegereza abaturage serivisi zitandukanye z'ubuvuzi.

579 771

Abarwayi bavuwe

Abantu benshi mu bice by'icyaro ntibabasha kugerwaho n'ubuvuzi bifuza. Ibi bibagiraho ingaruka kuko bituma uburwayi bubakomerana. Ibikorwa bya RDF bibafasha kubona ubuvuzi bakeneye.

Ibindi bikorwa ingabo zikorera abaturage birimo kubaka no kuvugurura amavuriro bikorwa n'Inkeragutabara ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima.





INCAMAKE



Bitandukanye n'ibihe bya mbere ya Jenoside aho igisirikare kitikozaga abaturage, uyu munsi abaturage bumva baguwe neza no kubana n'ingabo.

Ni umusaruro w'imbaraga zashyizwe mu kunoza umubano n'urwego ruhambaye rw'ikinyabupfura rwagaragajwe n'abasirikare ba RDF mu ntambara no mu gihe cy'amahoro.

Uyu munsi, abaturage barakora, bakanabana mu mahoro n'ingabo bahuriye ku ntego imwe, ariyo guteza imbere igihugu. RDF ibinyujije mu bikorwa by'ingabo bigamije iterambere ry'abaturage (COP) yubatse ibikorwaremezo bitandukanye birimo imidugudu y'icyitegererezo, amashuri, amasoko, amavuriro, ibiraro n'ibindi byinshi bifitiye inyungu abaturage kurusha abasirikare.

Imikoranire hagati ya RDF n'abaturage yubakiye ku musingi utajegajega, utuma inshingano z'ibanze z'igisirikare zo kubungabunga umutekano w'igihugu no kurinda ubusugire bwacyo zoroha.

Ubufasha abaturage baha RDF bugaragarira ndetse bugashimwa cyane mu gihe cy'amahoro no mu ntambara; ni umutungo ufite ubushobozi bwo guhangana no gutsinda ibibazo igihugu cyahura nabyo.

IBIKORWA BY'ITERAMBERE RY'ABATURAGE BYAKOZWE NA RDF

Ibikorwa	Imibare
Inzu zubatswe/izasaniwe abatishoboye n'abarokotse Jenoside	87 640
Imidugudu y'Icyitegererezo	Hubatswe 34
Ubwiherero bwo mu ngo	Hubatswe 36 434
Ibyumba by'amashuri	Hubatswe 1 380
Ibiraro	Hubatswe 437
Ibikorwa by'ubuhinzi no kubungabunga ibidukikije	Byakorewe kuri hegitari 43 016
Imihanda yubatswe n'iyasanwe (irimo n'iy'imigenderano)	283 233 km
Gukwirakwiza amazi meza	Yahawe ingo 80 533
Gusana imiyoboro y'amazi	381,75
Gutanga amashanyarazi	Yahawe ingo 107 563
Abarwayi bavuwe	579 771
Ibibuga bya kajugujugu	6

Ibikorwa byo kubungabunga amahoro

Impamvu y'ubumuntu ituma u Rwanda rushyigikira ibikorwa byo kubungabunga amahoro

Impamvu y'ubumuntu ituma u Rwanda rushyigikira ibikorwa byo kubungabunga amahoro

U Rwanda ruri mu bihugu bike ndetse rushobora kuba ari nacyo gihugu cyonyine aho kubungabunga amahoro no gutabara abagizweho ingaruka n'amakimbirane hirya no hino ku isi biteganywa n'Itegeko Nshinga ry'igihugu. Ibi biri muri gahunda kandi bishyirwa mu bikorwa na RDF, nk'uko Umugaba w'Ikirenga w'ingabo adahwema kubyibutsa ingabo n'abaturage muri rusange.

Bitewe n'amateka mabi yagejeje igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse no guha agaciro ko inshuti nyayo igaragarira mu makuba, u Rwanda rwahisemo gutanga umusanzu warwo wo kugarura amahoro n'ituze aho bikenewe.

> **U Rwanda rwahisemo gutanga umusanzu warwo wo kugarura amahoro n'ituze aho bikenewe. Ni ku bw'iyi mpamvu RDF yafashe iya mbere mu kohereza ingabo zigarura amahoro muri Darfur mu 2004 ndetse no muri Repubulika ya Centrafrique mu 2014.**

Ni ku bw'iyi mpamvu RDF yafashe iya mbere mu kohereza ingabo zigarura amahoro muri Darfur mu 2004 ndetse no muri Repubulika ya Centrafrique mu 2014.

Mu nama mpuzamahanga ku mahoro yigaga ku kurinda umutekano w'abasivili yabereye i Kigali kuva ku wa 28 kugeza ku wa 29 Gicurasi 2015, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'ingabo z'u Rwanda, RDF, yabigarutseho.

"Intego nyamukuru y'ibikorwa byo kubungabunga amahoro ni ukurinda abasivili. Ibi ntibishobora kuvugwa kenshi gahagije. Ntabwo ari ukurinda amasezerano y'amahoro cyangwa amahame ya Loni, ndetse n'ababungabunga amahoro ku bw'iyo mpamvu, abenshi usanga barinda abanyapolitiki bake. Intego ni ukurinda abaturage basanzwe baba bari mu kaga."

Ku wa 12 Mata 2019, ubwo yari ku cyicaro cy'Umuryango w'Abibumbye ku munsi mpuzamahanga wo gutekereza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Perezida Kagame, yongeye kubishimangira.

Yagize ati "U Rwanda ntabwo rutanga ingabo n'abapolisi gusa. Tuba dufite n'umukoro duhabwa n'indangagaciro tuvoma mu mateka yacu ababaje. Nk'igihugu cyigeze gutereranwa n'Umuryango Mpuzamahanga, dushishikajwe no gutanga uruhare rwacu ngo ibintu bibe byiza kurushaho, dukomeze imbere."

> **"U Rwanda ntabwo rutanga ingabo n'abapolisi gusa. Tuba dufite n'umukoro duhabwa n'indangagaciro tuvoma mu mateka yacu ababaje. Nk'igihugu cyigeze gutereranwa n'Umuryango Mpuzamahanga, dushishikajwe no gutanga uruhare rwacu ngo ibintu bibe byiza kurushaho, dukomeze imbere.**
>
> *Perezida Paul Kagame*

RDF ijya mu bikorwa byo kugarura amahoro ifite umuhate yaba uwo ikomora mu mateka yo kwihangana n'indangangagaciro zayo nk'urwego, byiyongera ku kuba yemera agaciro kabyo nka rimwe mu mahame umunani yo kurinda abasivili yemerejwe i Kigali.

Umuhate usaba ababungabunga amahoro n'abayobozi babo kuba bafite ubushake bwose bukenewe no kwiyemeza gushyira ubuzima bwabo mu kaga ku bwo kurengera ikiremwamuntu.

Mu kiganiro kimwe muri byinshi yatanze asangiza abandi amasomo yize ubwo yari Umuyobozi w'Ingabo mu butumwa bw'amahoro bwa Loni, Umugaba Mukuru wa RDF, General Patrick Nyamvumba, yavuze ibyo atekereza ku muhate w'ingabo ziri mu butumwa bwo kubungabunga amahoro.

"Umuhate ushobora kwigwa? Yego. Umuhate ushobora kwigwa mu mezi make y'imyitozo ya mbere yo koherezwa mu mirimo? Oya. Ukuri gushaririye ni uko niba dushaka kugira abagarura amahoro bafite umuhate uyu munsi twagombaga gutangira kubitaho mu myaka makumyabiri ishize, iyi niyo mpamvu buri gihe mwumva ubushobozi bwa RDF mu bikorwa byo kugarura amahoro bitandukanye. Ni uko dufite umuhate ku mahoro dukura mu byo twanyuzemo n'amateka yacu ababaje."

Umuhate ni imbaraga zituruka mu myaka myinshi y'uburezi, imyifatire myiza muri sosiyete ndetse n'amahugurwa ya kinyamwuga. Ushingira ku muco w'indangagaciro zikomeye zo kuba indashyikirwa no kwanga ubugwari. Umuhate ni ikimenyetso cy'ukutikunda kigomba kuranga buri wese ubungabunga amahoro. Ingabo za RDF zigarura amahoro zirangwa n'umuhate.

U Rwanda rwiyemeje gutanga umusanzu warwo kugira ngo isi igire amahoro. Ni ku bw'iyo mpamvu RDF yitabira ubutumwa bwa Loni aho ingabo zacu zifasha mu kugera ku mahoro n'umutekano birambye mu bihugu byabayemo imvururu. Zabaye



kandi ku isonga mu gukora ubuvugizi bw'ahakenewe impinduka mu butumwa bw'amahoro hakoreshejwe uburyo buboneye bwo kurinda abasivili.

Amahame ya Kigali ku kurengera abasivili (PoC), yemerejwe burundu mu Rwanda mu 2015, muri rusange arimo gushyirwa mu bikorwa n'abagira uruhare mu bikorwa byo kugarura amahoro.

Kuri ubu u Rwanda ni urwa kabiri mu bihugu bitanga ingabo nyinshi mu bikorwa by'Umuryango w'Abibumbye byo kugarura amahoro. RDF ifite batayo eshanu z'ingabo zirwanira ku butaka, batayo ishinzwe imodoka z'intambara, batayo irwanisha imodoka z'intambara, ishami ry'iby'indege, abaganga, abakozi n'indorerezi za gisirikare.

2 **U Rwanda ni urwa kabiri mu bihugu bitanga ingabo nyinshi mu bikorwa by'Umuryango w'Abibumbye byo kugarura amahoro.**

Hari ingabo za RDF 5342 ziri muri AMISOM, MINUSCA, UNAMID, UNISFA na UNMISS. U Rwanda kandi rwemeye gutanga batayo imwe irwanira ku butaka (abasirikare 850), ibitaro byo ku rwego rwa II, ndetse n'ikigo cy'ubwubatsi; bishobora koherezwa mu buryo bwihuse guhera ku wa 1 Nyakanga 2020 kugeza ku wa 30 Kamena 2021.





Mu butumwa bwose bwo kubungabunga amahoro, Ingabo za RDF zatangije gahunda zigamije gutanga umusanzu mu bwirinzi ndetse no gukemura ibibazo byabangamira umutekano w'abantu nk'umusingi w'amahoro arambye.

Izi gahunda zirimo nko kubaka za rondereza, amashuri n'ibigo nderabuzima, ibyo byose biza ku isonga mu nshingano za gisirikare.

Mu kugarura amahoro hirya no hino ku isi no kwagura umubano, RDF iri no mu ngabo za Afurika y'Iburasirazuba zihora ziteguye gutabara aho rukomeye (EASF).

Gahunda ya Afurika yunze Ubumwe y'amahoro n'umutekano yashyiriweho kugabanya ingaruka z'amakimbirane muri Afurika no kongera ituze muri politiki, imibereho myiza n'ubukungu. Imwe

mu ntwaro zo kugera ku mahoro n'umutekano muri Afurika ni ingabo za Afurika zihora ziteguye gutabara aho rukomeye (ASF), zizaba zishinzwe amahoro, umutekano, ituze no kwihuza k'uturere.

ASF igizwe n'ingabo zihora ziteguye gutabara, buri karere mu tugize Umugabane wa Afurika kakagira izo ngabo. EASF aho RDF ibarizwa, ihereye muri Afurika y'Iburasirazuba.

EASF yashyizweho mu 2004 nk'urwego rw'akarere rwo gutanga ubushobozi bwo kohereza byihuse ingabo mu butabazi, mu bikorwa byo gushyigikira no gusigasira amahoro n'umutekano.

Igizwe n'abasirikare, abapolisi n'abasivili bo mu Burundi, Kenya, Seychelles, Comoros, Djibouti, Ethiopia, Somalia, Sudani, Uganda n'u Rwanda.

Muri uyu mutwe, RDF yiyemeje gutanga ingabo 1243 zirimo abasirikare 956 bo mu byiciro bitandukanye.





"Intego nyamukuru y'ibikorwa byo kubungabunga amahoro ni ukurinda abasivili. Ibi ntibishobora kuvugwa kenshi gahagije. Ntabwo ari ukurinda amasezerano y'amahoro cyangwa amahame ya Loni, ndetse n'ababungabunga amahoro ku bw'iyo mpamvu, abenshi usanga barinda abanyapolitiki bake. Intego ni ukurinda abaturage basanzwe baba bari mu kaga."

Nyakubahwa Perezida Paul Kagame, *ubwo yari mu nama mpuzamahanga y'amahoro ku kurinda abasivili - Kigali, 28 Gicurasi 2015.*

NOTES

flickr.com/rdf

@RwandaMoD

Rwanda Defence Force

rwanda_defence_force

www.mod.gov.rw

... TURAKOMEJE





INGABO Z'U RWANDA

UMUSINGI W'ITERAMBERE RY'IGIHUGU

flickr.com/rdf @RwandaMoD Rwanda Defence Force rwanda_defence_force

www.mod.gov.rw